agrafeuse, agrafes, attaches tout lattes, bics na crayons ibyo yabibonye ku ikubitiro yanabisinyiye kuwa 08/08/2014, cyereka avuze ko yabonye bike. Ntabwo byabonetse byose kandi yabibonye atarahabwa na dosiye ye, tukaba twemeza ko Leta yakoze ibishoboka iha MBARUSHIMANA ibikoresho byibanze ngo ategure urubanza. Ku bijyanye n'ibaruwa avuga yabonye ejo bundi, nta nshingano bifite kuko nka MP nk'umuburanyi guha MBARUSHIMANA ibikoresho n'amategeko nubwo MP yatanze amategeko wenda MINIJUST na RCS nibo yakwandikira abasaba ibyo bikoresho twamwandikiye tugaragaza ko nkatwe nk'umuburanyi nta nshingano dufite yo kumuha ibikoresho kubera ko twebwe turamushinja nta nshingano dufite nubwo byakozwe nta obligation légal dufite ejo bazanaza bakabwira Procureur General ngo abahe Lunch Breakfast,.. nta nsingano tubitiye.

Ku bijyanye n'inyandi zidasomeka muri iyi dosiye harimwo ibintu byinshi dosiye ifite pages hafi 500, ama pages 101-189 avuga atasomeka kubyemeza byaba ataribyo cyereka niba afite ikibazo cy'amaso, cyereka avuze nka page wenda ya nyuma kuko muri aya ma pages harimwo ibyanditse n'imashini ibindi byanditse n'intoki twebwe turabona bisomeka, izindi pages avuga page 200-225 nazo turabona zisomeka izi ni kuri za pages 400 uziteranije ntabwo zigera kuri 50% anabishatse twagurana nta kibazo kiri muri za pages, kuba twarabimuhaye ejo nuko twabanje kureba ko koko zisomeka dusanga birasomeka kubera ko byaduteye urujijo niyo mpamvu twabimuhaye ejo ku mpamvu byatuma ataburana. Ejo tunabifotora byagarutse uko byari bimeze.

Uburenganzira bwe bwose yarabuhawe natwe tuzi ko Art 18 na 19 zigomba kubahirizwa ahubwo nakore coopération n'Urugaga bamuhe avoka cyangwa se abwire MINIJUSTE ko yishoboye yakwishakira umwunganira. Ikindi intonde zirahinduka kubera ko hari n'aba avoka birukanwa ikindi iyo Umushinjacyaha avuye muri Dosiye wavuga ko dosiye ihagaze. Dosiye yahawe ni dosiye ikubiyemwo ibintu tuzaburanisha niharamuka hari icyiyongereyemwo twazabimumenyesha, ikindi ntabwo MP ifite inshingano zo guha ibikoresho MBARUSHIMANA, ikindi navuge ko yishoboye yishakire avoka cyangwa se atishoboye MINIJUSTE imufashe mu kubona avoka nkuko ifasha n'abandi banyarwanda bose badafite ubushobozi bwo kubona avoka. Kugeza uyu munsi ntarahitamwo abamwunganira abo anenga nabareke ahubwo nahitemwo mu bari compétent.

PN WIBABARA Charité

Imbogamizi atanga nta shingiro zifite, MBARUSHIMANA akigera mu Rwanda uburenganzira bwe bwarubahirijwe kubera ko yari afite uburenganzira bwo kubona avoka yihitiyemwo niyo mpamvu yahawe izo listes ngo yihitiremwo. Ibyo yavuze ko izo listes zahindaguritse ibyo ntitwanabihamya cyane ariko hari aba avoka barahira kuburanira muri CS na HC n'abandi barahirira kuburanira hasi bitwa ba Défenseur Judicaire, turasaba yuko yamenyesha Urukiko igihe yaba yobonye avoka, MP iremera yuko amabaruwa asaba ibikoresho yayabonye ariko siho yarakwiye kujya.

MBARUSHIMANA Emmanuel

Ku bijyanye no kunganirwa ntabwo nigeze mvuga ko MP itampaye ibikoresho ahubwo navuze ko ngisaba ibikoresho ahubwo ndashima ko banyeretse abo ngomba kubisaba mwampa igihe nkajyana ayo mabaruwa aho agomba kujya. Aho MP yavuze kuri C219, C 284, C289 ahubwo mwongeremwo na C245 kugeza kuri C248 ni icyemezo cy'Urukiko cyategekaga ko nanahabwa unyunganira wo mu mahanga MP ntabwo yakjuririye. Ku kibazo cyo kunganirwa haba muri instance nto cyangwa nini ikibazo cy'ukunganirwa giteganyijwe na constitution mu gihe cyafashwe kigomba kubahirizwa na bose kandi na hose, ikindi uburenganzira bwo guhitamwo bemeye ko mbufite. Igitotsi mu mata ntikiba gito kandi iyo cyagiyemwo arabogorwa, niba listes ifite aba avoka basaga 800 bakampa 500 ni ikibazo ikindi sinenga compétence cyangwa qualification zabo ba avoka

Q : Turi kukubaza hano muri HCCI impamvu utunganiwe ni iyihe ?

R : Nuko ntarabona iriya liste y'aba avoka 890 batangajwe na Barreau.

Q : Urutonde uvuga nurwo washikirije muri TB na TGI hano urashaka iki ?

R : Nabisabye, biri kuri paragraphe ya 75 mu mwanzuro nashykirije Urukiko, liste urwanda rwatanze muri amicus curiae yo kuwa 23/01/2012 niyo nshaka ko mpabwa.

Q : Liste y'aba avoka irahinduka buri gihe noneho liste niza itariho bariya 890 avoka byagenda gute ?

R : Mfite liste 2 z'abavoka zo kuwa 30/04/2014 ariko ntizisa kandi zasinywe na Bâtonnier, iyo amicus curiae bavuze ko liste hariho environ 890 avoka .

Q : Nibatanga itariho abo igatanga abo ifite urumva byagenda gute ?

R : Urukiko mu bushishozi bwarwo ruzabisuzume.

Q : Wowe urishoboye ku buryo wakwishakira ukunganira cyangwa se ntabwo wishoboye washakirwa ukunganirwa ?

R : Ntabwo nshoboye kwirihira unyunganira nakunganirwa na Leta ariko ntibikuraho uburenganzira bwanje bwo kwihitiramwo.

Q : None se ko amategeko avuga ko Urugaga iyo utishoboye rukugenera.

R: Art 39 CPP igika cya mbere gitanga uburenganzira bwo kwihitiramwo unyunganira ariko igika cya kabiri kikavuga ko nshobora guhitamwo kwemera uwo mpawe cyangwa nkamwanga.

URUKIKO

Rumusomeye Art 14 agace ka 6 "Transfert Law"

Q: Urabizugaho iki?

R: Amategeko arasumbana iyo ngingo ntisumba Constitution, Pacte international relative aux droits civil et politique muri Art 14 al.3 agace B, ntabwo amategeko ari hasi ya constitution yakubahirizwakandi hari constitution.

PN MUTANGANA Jean Bosco

Art 18 ya Constitution itanga uburanganzira bwo kwiregura no kunganirwa,,, kuba agaragaje ko atishoboye akeneye gufashwe nabyo biteganyijwe muri Constitution na Transfer Law, ariko uburenganzira bwo guhitamwo si absolue murebye Art 39 igika cya mbere koko afite uburenganzira bwo kumwanga ari muri Police na MP ibyo biri au niveau ya procedure ariko nkahangaha mu Rukiko biratandukanye hari na Jurisprudence zigaragaza ko ubwo burenganzira mu Rukiko butari absolue, Art 39 yerekerye ni igihe aba akiri muri phase ya instruction. Turifuza ko **MBARUSHIMANA yahitamwo umwunganira agasaba igihe ntabwo yagendera ko intonde zagiye zihandagurika nahitemwo yubahirize ibyo itegeko rimwemera aburane urabanza rurangire.**

MBARUSHIMANA Emmanuel

Ndasaba ke nahabwa urutonde noneho ngahitamwo ibaruwa MP yavuze igaragaza ko hari ibikoresho nabonye narabibonye icyo nabandikiye ni amabaruwa nabandikiye ko ibyo bikoresho bidahagije kandi kugeza na nubu bidahagije ndashimaira MP ko yanyandikiye igaragaza uwo ngomba kubisaba. Nkaba nshaka kwibaza muri uru rubanza ninde uhagarariye Leta y'u Rwanda ngasanga MP ari Leta y'u Rwanda ntabwo LETA ari n'Urukiko si nanje waba LETA niba koko badahagarariye Leta koko bifite inshingano ariko MP ifite inshingano zo kugaragaza umuntu uhagarariye Leta y'u Rwanda muri uru rubanza kugirango mbimusabe. Ku bijyanye no kudasomeka kwa dosiye bavuze ko nshobora kuba ndwaye amaso nta maso ndwaye. Ku mibare nanditse ngaragaza imibare itanditse neza ibyo nanditse nibyo ikigaragara ibyo nabasabye barabyubahirije.

URUKIKO

Ubu dosiye iri mu Rukiko uyikeneye waza mu Rukiko kuyisoma niba ibyo wavuze bidasomeka wabivuga Urukiko rukagufotorera original kubera ko dosiye original iri mu Rukiko

MBARUSHIMANA Emmanuel

Ndasaba gushyikirizwa liste ngahitamwo, icya dosiye turakirangije ku bijyanye n'ibikoresho ndasaba igihe kugirango mbisabe inzego zibishinzwe.

URUKIKO

Urukiko rugiye kwiherera kugirango rufate icyemezo kuri icyo kibazo gisigaye cyuko MBARUSHIMANA yashyikirizwa liste y'aba avoka kugirango abashe guhitamwo abamwunganira.

ICYEMEZO CY'URUKIKO

Nyuma yo kumva ibisabwa na MBARUSHIAMA nibyavuzwe na MP kubyerekeranye no kunganirwa;

Urukiko rurasanga kuba MBARUSHIMANA yari yarahawe amahirwe yo guhabwa urutonde rw'abavoka kugirango ahitemwo umwunganira akwiye na none **gushyikirizwa urutonde rw'aba avoka rwa nyuma kugira ngo ashobore guhitamwo uwo yumva yamwunganira akamuhitamwo** bitarenze kuwa 23/04/2015 akaba ari naho iburanisha rizasubukurwa .

URUKIKO

Rurifusa kugaragaza uko mw'iburanisha ritaha hazavugwa ku byerekeranye na "**Road Map**" ariko bikazakorwa MBARUSHIMANA Emmanuel yabonye umwunganira kuri iriya taliki ya 23/04/1994, iburanisha rikaba rizasubukurwa kuwa 23/04/2015.

MBARUSHIMANA Emmanuel

PN MUTANGANA Jean Bosco

PN WIBABARA Charité

INTEKO

MUKAMURENZI Beatrice

MUHIMA Antoine

NDAGIJIMANA Eugene

Umucamanza

Perezida

Umucamanza

NYAMUTAMA Hypax

Umwanditsi

ANNEXE 5	ARRET RENDU PAR LA HAUTE COUR EN SON AUDIENCE PUBLIQUE DU 06 AOUT 2015 DANS LA CAUSE INSCRITE SOUS LE RAD007, EN CAUSE MUGISHA RICHARD CONTRE L'ORDRE DES AVOCATS, VOIR DISPOSITIFS
-----------------	--

URUKIKO RUKURU, RURI KU CYICARO CYARWO, RWACIYE URUBANZA No RAD 0007/15/HC/KIG, KUWA 06/07/2015, MU RUHAME, KU BURYO BUKURIKIRA:

Haburana:

Me MUGISHA Richard mwene Gasana John na Mukamurenzi, utuye mu Mudugudu wa Juru, Akagari ka Kamukina, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, Aburanirwa na Me Kiloha Olivier, Me Nkundabarashi Moise na Me Mukesha David

Na

-Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda mu izina ry'umuyobozi wayo, ruburanirwa na Me Mhayimana Isaie, Me Bizimana Shoshi, Me Rwigema Vincent, Me Masumbuko Mussa

-Me Rutabingwa Athanase utuye mu Mudugudu wa Kabuhunde ya 2, mu Kagari ka Kagugu, Umurenge wa Kinyinya, mu Karere ka Gasabo, Aburanirwa na Me Butare Emmanuel

Ikiregerwa: Kujuririra ibyavuye mu matora y'urugaga rw'Abavoka yabaye mu Nama rusange y'urugaga kuwa 12/06/2015, nsaba ko biteshwa agaciro

I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. Kuwa 18 Kamena 2015, Urukiko Rukuru rwashyikirijwe ikirego gisaba gutesha agaciro ibyavuye mu matora y'Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yabaye kuwa 12/06/2015 ku mpamvu z'uko umubare w'amajwi yabarwe (595) uruta umubare w'abatoye (561), kuba hari amajwi yagizwe imfabusa nyamara ngo icyifuzo cy'abatoye kiboneka.

2. Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ruvuga ko abatanze ikirego nta bubasha, nta n'inyungu bafite byo gusaba ko ibyemezo byafashwe n'Inama Rusange y'Abavoka biteshwa agaciro ku mpamvu yuko Me Mugisha Richard atari umukandida mu matora, ko ikirego kidakwiye kwakirwa kuko ngo Me Mugisha atigeze atakamba, no kuba Me Mugisha atarasabye ubukemurampaka ku Mukuru w'Urugaga, akabá ataranamumenyesheje ko agiye kuregera inkiko.

Kuri izi nzitizi, Me Mugisha avuga ko, nk'umwe mu bagize Urugaga kandi wagize uruhare mu matora, afite inyungu yo kubona nta buriganya bwayabayemo, ko yandikiye Umukuru w'Urugaga amusaba gukemura impaka zavutse mu matora anamumenyesha ko azatanga ikirego mu gihe izo mpaka zaba zidakemuwe.

Urugaga rw'Abavoka ruvuga kandi ko imibare itangwa na Me Mugisha yatanzwe mu mushinga w'inyandiko mvugo y'amatora, hategerejwe ko abagize Urugaga bawutangaho ubugororangingo, kandi ko amakosa y'umwanditsi w'Inama nta ngaruka afite ku gikorwa cy'amatora hakurikijwe umubare w'amajwi umukandida Me Nduwamungu arusha Me Kavaruganda.

3. Me Rutabingwa Athanase uburanirwa na Me Butare Emmanuel, we avuga ko atakagombye kuregwa kuko nta gikorwa yakoze mu izina rye, ko ibyakozwe mu matora, n'iyo byagira inenge atariwe wabibazwa, mu gihe Me Mugisha we urega avuga ko Me Rutabingwa ari ngombwa mu rubanza kugira ngo asobanure imigendekere y'amatora nk'umuntu wayayoboye.

Ibibazo bisabwa gukemurwa muri uru rubanza ni ibi bikurikira:

- ✓ Ububasha n'inyungu bya Me Mugisha watanze ikirego
- ✓ Ibjijyanye no gutakamba
- ✓ Ibjijyanye n'ubukemurampaka no kumenyesha Umukuru w'Urugaga
- ✓ Ishingiro ryo kurega Me Rutabingwa
- ✓ Ibjijyanye n'inenge ivugwa mu ibarura ry'amajwi

II. ISESENGURA RY'URUBANZA

A. Inzitizi zatanzwe mu rubanza

- ✓ Ku birebana n'ububasha n'inyungu bya Me Mugisha Richard

4. Me Mhayimana Isaie uburanira Urugaga rw'Abavoka avuga ko Me Mugisha Richard nk'umwavoka ufile ijwi rimwe adashobora gusimbura Urugaga ngo asabe gutesha agaciro ibyakozwe n'inama rusange yarwo, ko ingingo ya 62 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga ivuga ko umwavoka ubifitemo inyungu ashobora kuregera inenge yabaye mu matora y'inzego z'Urugaga, ariko ko ibi bivuze Avoka wabaye umukandida mu matora kuko ariwe ubifitemo inyungu, Me Kavaruganda wabaye umukandida mu matora ngo akaba yaremeye insinzi ya Me Nduwamungu J. Vianney akanashimira abamutoye. Me Mhayimana avuga kandi ko Me Mugisha Richard adashobora kwerekana inyungu bwite afite mu iseswa ry'amatora y'Umukuru w'Urugaga.

5. Me Mukesh David uburanira Me Mugisha Richard aburana avuga ko ingingo ya

62 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga itavuga ko amatora aregerwa n'uwbabaye umukandida, ko ahubwo buri Avoka afite uburenganzira bwo kuregera ibyavuye mu matora yagizemo uruhare, amatora y'Urugaga nawe abarizwamo, ko ingingo ivuga neza "tout avocat interesse" aho kuvuga "tout avocat concerne".

6. Ingingingo ya 62 al 3 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka yashyizwweho umukono kuwa 16 Nzeri 2014, ivuga ko "*Buri mwavoka bireba ajuririra Urukiko Rukuru mu minsi itanu (5) y'akazi whereye umunsi ibyavuye mu matora byatangarijweho, yayirenza ikirego cye nticyakirwe. Urega agomba kubimenyesha Umukuru w'Urugaga, atabikora ikirego cye nticyakirwe*".

7. Urukiko rurasanga ibivugwa muri iyi ngingo bireba buri Avoka wese wagize uruhare mu matora. Nk'uko bivugwa n'ababuranira Me Mugisha Richard, imigendekere myiza y'amatora ntabwo ireba abakandida biyamamaje bonyine, ahubwo ireba abagize urugaga bose, by'umwihariko, abavoka bagize uruhare mu matora. Kuba amabwiriza yashizweho n'Urugaga ubwarwo avuga ko "buri avoka wese bireba" ashobora kuregera amatora, ntibishobora kwitiranywa n'umwavoka wabaye umukandida mu matora agibwaho impaka.

Urukiko rurasanga, inyungu ya Me Mugisha Richard isobanurwa no kuba ari umunyamuryango w'Urugaga, kandi akaba yarabaye umwe mu batoye.

Urukiko rurasanga kandi inyungu bwite ya Me Mugisha Richard idashobora gushakirwa ku zindi nyungu zitajyanye n'umwuga akora mu gihe ikirego cye kirebana n'umwuga akora.

✓ Ku birebana n'inzitizi yo kudatakamba

8. Ababuranira Urugaga rw'Abavoka bavuga ko Mugisha Richard wahisemo gutanga ikirego cy'ubutegetsi ko yagombaga kubanza gutakamba nk'uko biteganywa mu ngingo ya 336 y'Itegeko N° 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ijambo gutakamba ngo rikaba riboneka mu rwandiko Me Mugisha ubwe yandikiye umukuru w'Urugaga, ngo nubwo amategeko ngengamikorere y'Urugaga adakoresha ijambo 'ugutakamba'. Bavuga kandi ko nta n'icyemezo atakambira ngo kuko icyo yashingiyeho ari umushinga w'inyandiko mvugo y'amatora igomba gukorerwa ubugororango. Basoza iyi ngingo bavuga ko hari ibihe (amezi abiri) byateganijwe uwatakambye agomba gутегереza mbere yo kurega, bityo ngo ikirego kikaba cyaratanzwe imburagihe.

9. Ababuranira Me Mugisha Richard bavuga ko inzira yo gutakamba iteganywa mu ngingo ya 336 CPCCSA idashobora gukoreshwa ku birebana no kuregera ibyemezo by'amatora yakozwe mu Rugaga rw'Abavoka ngo kuko iri takamba rikorwa mu gihe urega asaba kuvanaho icyemezo cy'ubutegetsi, ibi ngo bikaba bitandukanye n'icyaregewe muri uru rubanza. Bavuga kandi ko ibijyanye n'amatora mu Rugaga biteganywa mu mategeko ngengamikorere y'urugaga aho bavuga ko bitandukanye n'ibiteganywa n'ingingo iburanishwa n'Urugaga.

10. Ingingo ya 336 CPCCSA ivuga ko "ikirego gisaba gukuraho icyemezo cy'umuyobozi cyakirwa iyo cyerekeye icyemezo cy'umuyobozi cyaba cyeruye cyangwa kiteruye".

Urukiko rurasanga, ikirego cyatanzwe na Me Mugisha kirebana n'iseswa ry'amatora y'umukuru w'urugaga rw'Abavoka kitarebwa n'ingingo ya 336 CPCCSA kuko iki kirego kitagamije ivanwaho ry'icyemezo cy'umuyobozi runaka.

Nk'uko Me Mugisha abiburanisha, uburyo amatora y'inzezo z'Urugaga akorwa, n'uburyo aregerwa biteganijwe mu mategeko ngengamikorere y'Urugaga, aho mu ngingo ya 62 havugwa ko, impaka zose zirebana n'amatora zikemurwa n'Umukuru w'Urugaga cyangwa umusimbura, utanyuzwe nabyo akajuririra Urukiko Rukuru mu gihe cy'iminsi 5, amaze kumenyesha Umukuru w'Urugaga.

11. Urukiko rurasanga, Urugaga rw'Abavoka rudashobora kurenga ku mategeko rwishyiriyeho ngo rusabe ko adakurikizwa. Rurasanga kandi, kuba mu rwandiko rwe rwo kuwa 15 Kamena 2015, Me Mugisha yarandikiye Umukuru w'Urugaga avuga ko amutakambiye kubera amatora yakozwe kuwa 12 Kamena 2015, bidahindura imiterere y'ikibazo ngo byitwe itakamba riteganywa mu ngingo ya 336 CPCCSA. Ingingo ya 62 y'amabwiriza yavuzwe haruguru, ivuga ko ibibazo bijyanye n'amatora bikemurwa n'umukuru w'urugaga, ntabwo iteganya cyangwa ngo ibuze ikoreshwa ry'ijambo "gutakamba". Icyo iteganya ubwacyo kirasonutse, nuko Umukuru w'urugaga ariwe ukemura impaka zivutse mu matora mbere yo kujuririra Urukiko Rukuru.

✓ Ku birebana n'ubukemurampaka no kumenyesha umukuru w'urugaga

12. Me Rwigema uburanira Urugaga rw'Abavoka avuga ko iningo ya 62 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga, ivuga ko impaka zose zivutse mu matora y'inzezo z'Urugaga zikemurwa n'umukuru w'urugaga cyangwa umusimbura. Aha niho ashingira avuga ko ubukemurampaka bukorwa hashingiwe ku Itegeko No 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka no kurangiza ibibazo by'ubucuruzi, bityo ngo urega akaba yaragombaga gukurikiza ibiteganywa n'iri Tegeko. Asobanura kandi ko hakurikije ubusumbane bw'amategeko, inzira iteganywa n'amategeko ngengamikorere idashobora gukurikizwa mu gihe Itegeko rirebana n'ubukemurampaka ryabiteganije ukundi.

Me Shumbusho nawe uburanira Urugaga, avuga ko mu gusaba ubukemurampaka, Me Mugisha yandikiye Me Rutabingwa Athanase wari wamaze kuva ku mwanya w'umukuru w'urugaga aho kwandikira Nduwamungu, bityo ngo akaba atarubahirije iningo imusaba kumenyesha umukuru w'Urugaga mbere yo kuregera Urukiko.

13. Me Mukesha na Me Nkundabarashi baburanira Me Mugisha bisobanuye bavuga ko ubukemurampaka mu matora y'inzezo z'urugaga bukorwa hakurikije amategeko

ngengamikorere y'Urugaga. Bavuga kandi ko urwandiko rwandikiwe Umukuru w'Urugaga nka rumwe mu nzego z'Urugaga, ko batandiikiye umuntu ku giti cye.

14. Urukiko rurasanga inzitizi itangwa n'ababuranira Urugaga nta shingiro ifite kuko Itegeko No 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 bavuga ko ariryo ryari kwitabazwa mu bukemurampaka bw'amatora y'umukuru w'Urugaga rw'Abavoka, iri tegeko rirebana n'ubukemurampaka mu bibazo by'ubucuruzi, bitandukanye n'impaka zivuye mu matora. Ibirebwa n'iri Tegeko (Champ d'application) bivugwa mu ngingo ya 2 yaryo, aho igira iti ko : "*Iri Tegeko rikoreshwa mu bukemurampaka n'ubwunzi ku rwego rw'Ighugu no ku rwego mpuzamahanga mu bibazo by'ubucuruzi*".

15. Ababuranira urugaga bitwaza ijambo "gukemura impaka" bakarivana muri "context" yaryo. Iri jambo ntabwo ari umwihariko w'Itegeko ryerekeye ubukemurampaka, kuko rikoreshwa mu mategeko menshi kandi rikagira ubusobanuro bwaryo hakurikijwe Itegeko bireba. Urugero ni "impaka" zivutse mu irangizwa ry'urubanza, aho Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano riteganya ko zikemurwa n'Urukiko rwaciye urubanza bwa nyuma; Itegeko rigenga umurimo mu Rwanda rigateganya ko impaka hagati y'umukozi n'umukoresha zikemurwa n'umugenzuzi w'umurimo mbere yo kuregerwa inkiko.

Kuba amategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka yaragennye ko impaka zishingiye ku malora zikemurwa n'umukuru w'Urugaga ntabwo binyuranije n'amategeko.

16. Urukiko rurasanga, mu rwandiko rwe rwo kuwa 15 Kamena 2015, Me Mugisha yarandikiye umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda amusaba gusesa amatora y'umukuru w'Urugaga yabaye kuwa 12/06/2015 kubera amakosa yayaranze.

Urukiko rurasanga, ibyo Me Mugisha yakoze bihuje n'ingingo ya 62 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga ivuga ko impaka zivutse mu matora zikemurwa n'Umukuru w'urugaga, aha bikaba byumvikana ko urwandiko rutandikirwa umuntu ku giti cye. Rurasanga kandi, Umukuru w'Urugaga ari rumwe mu nzego zigize urugaga rw'Abavoka nk'uko biteganywa n'ingingo ya 20 y'Itegeko No 83/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, rikanagena imitunganyirize n'imikorere yarwo, bityo urwandiko rwanditswe na Me Mugisha rukaba rutarandikiwe Me Rutabingwa Athanase cyangwa ngo rube rwaragombaga kwandikirwa Me Nduwamungu J. Vianney, ahubwo rwarandikiwe urwego (umukuru w'Urugaga).

17. Urukiko rurasanga kandi, kuba muri urwo rwandiko Me Mugisha yaramenyesheje umukuru w'Urugaga ko nibirenga kuwa 17 Kamena 2015, azaregera Urukiko, ibi bisobanuye neza ko yamumenyesheje icyifuzo cye cyo kuregera Urukiko nk'uko biteganijwe mu ngingo ya 62 yavuzwe haruguru.

✓ Ku birebana n'iregwa rya Me Rutabingwa Athanase

18. Me Butare Emmanuel uburanira Me Rutabingwa Athanase, yasabye ko uwo ahagarariye yavanwa mu rubanza ngo kuko ibyo yakoze yabikoze mu izina ry'Urugaga, bityo ngo n'amakosa yaba yaragaragaye mu gikorwa cy'amatora ngo akaba atayabazwa ku giti cye, naho ababuranira Me Mugisha bavuga ko Me Rutabingwa Athanase adashobora kuva mu rubanza kuko ariwe ugomba gusobanura imigendekere y'amatora yakozwe ayayoboye n'amakosa yagaragayemo. Urukiko rurasanga, nubwo Me Rutabingwa Athanase yayoboye amatora yo kuwa 12 Kamena 2015 nk'umukuru w'Urugaga (Urwego), akwiye kuguma mu rubanza kugira ngo asobanure ibyakozwe n'urwego yarahagarariye mu gikorwa cy'amatora.

B. Imizi y'urubanza

✓ Kubirebana n'amajwi yagizwe imfabusa

19. Ababuranira Me Mugisha Richard bavuga ko hari amajwi 2 yagizwe imfabusa nyamara ngo abatora bari bagaragaje uwo batoye. Ayo ngo akaba arebana n'ijwi rimwe rya Nduwamungu aho uwatoye yanditse UWAMUNGU, n'irya Kavaruganda aho uwatoye yanditse KAVANGANDA. Ibyo ngo bikaba binyuranije n'igika cya 5 cy'ingingo ya 61 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka.

Ababuranira Urugaga rw'Abavoka bavuga ko nta kosa ryakozwe kuko abitabiriye amatora basobanuriwe bihagije.

20. Ingingo yavuzwe mu gika kibanziriza iki igira iti: "*Mu gihe hari abakandida benshi bitiranwa, amazina yose agomba kugaragazwa bitaba ibyo urupapuro rw'itora rukagirwa impfabusa. Icyakora, urupapuro rw'itora ruriho izina ryanditse nabi ntiruba impfabusa iyo ubushake bw'uwatoye bugaragarira buri wese kandi urwo rupapuro rukaba nta rujijo rutera hagati y'abakandida rureba*".

21. Urukiko rurasanga ibisobanuro byatanzwe n'ababuranira Urugaga nta shingiro bifite kuko, gusobanurira abatora bidasimbura ibyateganijwe mu mategeko ngengamikorere y'urugaga ubwarwo, kandi bakaba baterekana urujijo rwatewe n'imyandikire y'amazina byaba impamvu yo kuyagira imfabusa.

✓ **Kubirebana n'umubare w'abatoye**

22. Abunganira Me Mugisha Richard bavuga ko amatora y'umukuru w'Urugaga yo kuwa 12/06/2015 yaranzwe n'amakosa ashingiye ku kuba hatarabaruwe impapuro zatoreweho zigereranywa n'urutonde rw'abiyandikishije gutora. Bavuga ko inyandiko mvugo y'itora igaragaza ko Me Nduwamungu yatowe ku majwi 316, Me Kavaruganda agatorwa ku majwi 272, naho amajwi y'imfabusa akaba 7, yose hamwe ngo akaba atanga umubumbe w'amajwi 595 mu gihe liste y'itora igaragaza ko abatoye bari 561. Bavuga kandi ko nyuma yo gusuzuma inyandiko zari zubitswe n'Urugaga (ariko ngo nazo zitakwizerwa), ngo basanze liste y'abatoye iriho abantu 587.

Me Mukesh , Me Nkundabarashi na Me Kiloha, bose bahagarariye Me Mugisha bakaba basanga aya matora agomba guseswa kuko ngo yabonetsemo uburiganya.

23. Me Butare Emmanuel uburanira Me Rutabingwa wayoboye igikorwa cy'amatora, avuga ko Me Rutabingwa nawe nk'umwe mu batoye, yemera ko habonetse amakosa mu mibare y'abatoye, ko kandi nta barura rya "bulletins de vote" ryakozwe, ariko ko yatangaje amajwi uko byari byemejwe n'Inama rusange.

Abahagarariye Urugaga rw'Abavoka bavuga ko Me Rutabingwa atakagombye kwigamba amakosa yabonetse mu matora yayoboye.

Bavuga kandi ko abarega bashingiye ku mushinga · w'inyandiko mvugo y'amatora, uwo mushinga ngo ukaba warashyikirijwe Abavoka bose ngo bawutangeho ibitekerezo mbere yuko wemezwa na "conseil de l'ordre", bityo ko Me Mugisha yihutiye kuregera inkiko aho gutanga ubugororangingo nk'uko yabisabwe.

24. Ababuranira Urugaga bavuga kandi ko, ukwibeshya mu mibare kwatewe na Me Bimenyimana Eric wateranije imibare nabi, aho hamwe yabonye umubare wa 558 mu mwanya wa 588, ko hari abatari bashyize umukono kuri "liste" y'itora abo nabo bongrewemo nka Me Rwabigwi Augustin na Me Mucyo. Bavuga kandi ko impapuro z'itora zatumijwe mu icapiro zishingiye ku mubare w'Abavoka 672 bemerewe gutora, ngo buri wese akaba yarahabwaga na Me Mupfasoni Blandine urupapuro rw'itora, naho Me Bimenyimana Eric agashyira akamenyetso imbere y'izina ry'utoye, ko rero nta mpaka zabonetse ku munsi habayeho amatora.

Me Bizimana Shoshi nawe uburanira Urugaga avuga ko abavoka 599 aribo biyandikishije kuri liste y'itora ariko ngo bamwe bakaba baragiye igikorwa kitarangiye, abandi bakifata.

Ku kibazo cyo kumenya umubare nyawo w'abatoye, Me Rwigema uburanira Urugaga avuga ko ibyo bavuga ari isesengura bakoze ubwabo, ko imibare ndakuka izemezwa na "conseil de l'ordre", naho Me Bizimana Shoshi avuga ko ibyemejwe n'Inama Rusange bigatangazwa n'umukuru w'urugaga bidashobora guhinduka ku bijyanye n'imibare, bityo ko ubugororango bureba amakosa y'imyandikire.

25. Ababuranira urugaga bavuga kandi ko n'iyo haba harabaye amakosa mu mibare y'abatoye, ko nta ngaruka byagombye kugira kuko ngo haramutse havuyemo umubare w'amajwi ugibwaho impaka, Me Nduwamungu watowe agumana amajwi arenze aya Me Kavaruganda Julien bari bahanganye mu matora.

26. Ingingo ya 61 al3 y'amategeko ngengamikorere y'Urugaga rw'Abavoka ivuga ko: "*Umukuru w'Urugaga cyangwa umusimbura agena abaseseri bane (4) nibura. Nyuma yimirimo y'amatora, yemeza ko amatora arangiye agasaba abaseseri kubarura impapuro zatoreweho no kugenzura ko umubare wazo uhuye n'umubare w'abatoye. Hakurikiraho kubarura amajwi. Impapuro z'itora ziriho ubusa cyangwa iz'infabusa ntizibarurwa mu majwi*".

Urukiko rurasanga haba Me Rutabingwa Athanase wayoboye igikorwa cy'amatora y'Umukuru w'Urugaga, haba ababuranira Urugaga, nta numwe washoboye kugaragaza ko abaseseri babaruye impapuro zatoreweho ngo bahuze umubare n'uhabatoye, ariyo ntandaro yo kuba impande zose zitazi umubare nyawo w'abatoye uretse kuwubonera ku majwi yabaruriwe buri mukandida. Iyi ikaba ari inenge y'imitegurire y'amatora kuko irebana na "transparency" mu gikorwa cy'amatora.

27. Urukiko rurasanga, inyandiko mvugo y'Inama Rusange y'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yo kuwa 12/06/2015, idashobora gufatwa nk'umushinga kubyerekeranye n'umubare w'abatoye kimwe n'amajwi ya buri mukandida kuko, nk'uko bivugwa n'ababuranyi, nta rundi rwego rushobora kuvuguruza aya majwi yemejwe n'Inama Rusange, agatangazwa n'Umukuru w'Urugaga nk'uko biteganywa mu ngingo ya 62 y'amabwiriza yavuzwe haruguru. Urukiko rukaba rudashobora gushingira ku isesengura ryakozwe n'ababuranyi nyuma yuko amatora aregerwa Urukiko, kuko hari inyandiko mvugo yakozwe ku munsi amatora akorwa, cyane ko

n'abahagarariye Urugaga badashobora kwerekana inyandiko ihamya nta shiti ko umubare w'abatoye ungana n'uwan' amajwi yabarewe.

Ibijyanye n'ikosorwa ry'inyandiko mvugo rivugwa mu ngingo ya 13 y'aya mabwiriza bikaba bidashobora kuvuguruza ibyataingajwe n'umukuru w'urugaga kubirebana n'amatora nk'uko n'ababuranira Urugaga babivuga, ahubwo ikosora rikaba ryakorwa ku makosa y'imyandikire.

28. Urukiko rurasanga inyandiko mvugo yo kuwa 12/6/2015 igaragaza ko abatoye ari 595 kuri 561 bari biyandikishije, aribyo byatanze amajwi 316 kuri Me Nduwamungu Jean Vianney, amajwi 272 kuri Me Kavaruganda Julien n'amajwi 7 y'imfabusa.

Urukiko rurasanga, Umuyobozi w'Urugaga wayoboye igikorwa cy'amatora yarabonye inenge y'amatora ku munsi amatora yakozweho nk'uko umuburanira abivuga, ndetse n'ababuranira Urugaga bakaba bemeza ko ibarura ry'amajwi ryakorewe mu nama Rusanga, bisobanuye ko abagize inama rusange bose babonye ikinyuranyo cyari hagati y'amajwi yabarewe na liste y'abagombaga gutora, iyo nenge yashoboraga gukosorwa kuri uwo munsi (amatora asubirwamo), Umukuru w'Urugaga akaba yarayirenzeho agatangaza uwatsinze amatora.

Urukiko rurasanga iyo mikorere ijenjetse (negligence notoire) mu gikorwa gikomeye cy'Urwego rwiyubashye nk'Urugaga, ikaba ituma nta cyizere amatora yayobowe kuri ubu buryo yagirirwa (absence of credibility).

29. Urukiko rurasanga, imvugo y'ababuranira Urugaga rw'Abavoka ko ikinyuranyo cy'amajwi kitakagombye kugira ingaruka ku matora ngo kuko Me Nduwamungu J.Vianney agumana amajwi arenze aya Kavaruganda, nta shingiro ifite kuko, uretse no kuba amajwi 34 arenga kuri liste y'Abavoka 561 batoye, ubwawo ari umubare munini (6%), nyamara kandi "credibility" y'amatora ntikwiye gushakirwa mu mubare w'amajwi buri mukandida yegukanye, ahubwo mu buryo igikorwa cyagenze n'isura bitanga mubagize Urugaga mu gihe biboneka ko hari amajwi yabonetse inkomoko yayo itazwi.

30. Urukiko rurasanga, inenge nk'iyi ishingiye kuri liste y'abatora yarabayi impamvu yo gusesa amatora y'umukuru w'urugaga rw'Abavoka rwa Lubumbashi (RDC) yabaye kuwa 18/10/2014 aho byagaragaye ko Me R.T.K yatorewe kuba umukuru w'urugaga, hanyuma bikaza kugaragara

ko, hari abagiye ku rutonde rw'abatora batujuje ibisabwa kimwe n'iheshabubasha (procurations) ryangiwe bamwe mu bagombaga gutora, ingaruka yabyo ikaba yarabaye gusesa amatora.¹ Urukiko rurasanga amatora y'umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yabaye kuwa 12 Kamena 2015 akwiye guseswa kubera inenge y'amajwi 34 arenga ku mubare w'abatoye, hagategurwa andi matora yizewe.

✓ Ku birebana n'inzibacyaho

31. Ingingo ya 62 mu gika cyayo cya 5 y'amategeko ngengamikorere igira iti: "*Umwe mu bagize urwego wagombaga gusimburwa mu matora yajuririwe aguma muri uwo mwanya kugeza ikirego gifatiwe umwanzuro, ndetse byaba ngombwa, agategereza kugeza Inama Rusange y'Urugaga iteranye ngo isubiremo amatora*".

Urukiko rurasanga, iyi ngingo yumvikanisha ko amatora ajuririwe kugeza ikirego gifatiwe umwanzuro, umwe mubagize urwego wagombaga gusimburwa aguma muri uwo mwanya. Kubirebana no kuguma muri uyu mwanya kugeza amatora asubiwemo, iyi ngingo ikoresha ijambu "iyo bibaye ngombwa", ibi bikaba bisobanuye ko Urukiko arirwo rusuzuma niba ari ngombwa.

32. Urukiko rusanga Me Rutabingwa Athanase wayoboraga urugaga rw'Abavoka mu Rwanda mbere yitariki ya 12 Kamena 2015, arebwa by'umwihariko n'amakosa yakozwe muri ayo matora, akaba atarashoboye gufata icyemezo ku makosa yagaragaye mu cyumba cyitora, nyamara kandi iyo bikosorwa ku gihe byari kurinda Urugaga ibibazo byatejwe no gutinda gukosora amakosa yakozwe.

Urukiko rurasanga bitari ngombwa ko Me Rutabingwa Athanase ariwe utegura amatora azasubirwamo, bityo hashingiwe ku ngingo ya 33 y'Itegeko No 83/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, Urugaga rukaba rugomba kuyoborwa na Avoka ugize Inama y'Urugaga ufile uburambe mu

¹ <http://nabiisamwelihouse.org/index.php/component/k2/item/1016-actualites-justice-confusion-autour-de-l-election-du-batonnier-a-lubumbashi>

Rugaga kuruta abandi, uwo akaba ari Me MUGENI Anitha ibyo kandi bigakorwa kuva ku munsi urubanza rusomewehe.



33. Urukiko rurasanga, igihe cy'amezi atatu kuva ku munsi urubanza rusomewehe aricyo gikwiye kugira ngo Inama rusange y'urugaga rw'Abavoka mu Rwanda iterane, isubire mu matora y'Umukuru w'Urugaga.

✓ **Ku birebana n'indishyi**

34. Me Mugisha Richard yasabye ko Urugaga rwamugenera indishyi z'ikurikiranarubanza zingana na 5.000.000Frw, naho Urugaga rw'Abavoka rusaba ko Me MUGISHA Richard yarugenera indishyi zo kurushora mu manza zingana na 8.000.000Frw n'indishyi z'ikurikiranarubanza zingana na 500.000Frw.

35. Urukiko rurasanga Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda nta ndishyi rwagenerwa, kuko impamvu zatumye Me Mugisha Richard aregera Urukiko zifite ishingiro.

Urukiko rurasanga, nubwo Me MUGISHA atsinze urubanza, nyamara kandi nta kosa ryakozwe n' Urugaga rw'Abavoka ubwarwo byatuma rucibwa indishyi.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

36. Rwemeje ko amatora y'umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yabaye kuwa 12 Kamena 2015 asheshwe;

37. Rwemeje ko Me MUGENI Anitha (Doyenne du Conseil de l'Ordre) ayobora Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda kuva ku munsi uru rubanza rusomewehe kugeza ku munsi amatora y'Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka azasubirwamo;

38. Rwemeje ko amatora y'Umukuru w'Urugaga rw'Abavoka asubirwamo mu gihe kitarenze amezi atatu kuva ku munsi uru rubanza rusomewehe;

39. Rutegetse ko ingwate y'amagarama yatanzwe (75.000 Frw) iguma mu isanduku ya Leta Rwibukije ko uru rubanza rutajuririrwa.

RUKIJIWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME, NONE KUWA 06 KANAMA 2015, MU RUKIKO RUKURU, RUGIZWE NA:

[Sé]

Mukakalisa Ruth

[Sé]

Kaliwabo Charles

[Sé]

Ndahayo Xavier

Umucamanza

Perezida

Umucamanza

[Sé]

Nyiraneza Fortunee
Umwanditsi

Copie certifiée conforme à l'original
Dent acte, greffier Ntumanyi M. B. S.
C 131081 2015



En conséquence, la République du Rwanda mande et ordonne à tous
les autorités civiles et militaires (gouverneurs, préfets, arrêteurs, juge, etc.)
de faire exécuter l'arrêté ci-dessous dans toute la République sans
exception, et de faire observer la sécurité publique en prenant toutes
les mesures nécessaires pour empêcher tout dérangement. En l'absence de présent arrêté
(ou jugé trop tard pour être exécuté), a été signé par... les... membres de la...
M. B. S.

C 131081 2015

Greffier Ntumanyi M. B. S.

ANNEXE 6 :

CORRESPONDANCE D'UWINKINDI JEAN FAISANT PART DE SES AVIS ET
OBSERVATIONS SUR LA LISTE DE SOIXANTE HUIT AVOCATS PROPOSES PAR
L'ORGANE DES POURSUITES A L'AUDIENCE PUBLIQUE DU 23 SEPTEMBRE 2015

Kigali, kuwa 24/09/2015

RCCG - Secrétariat
25/09/2015
8 12P 10

Nyakubahwa Prezida w'inteko mu rubanza n° RP 0002/12/HCCI

B.P 101 Kigali, Rwanda

Courriel (E-mail) : info.hightcourt@judiciary.gov.rw

Binyujijwe ku buyobozi bwa gereza ya Nyarugenge (Prison 1930)

B.P 14 Kigali, Rwanda

Courriel (E-mail) : pck1930@yahoo.com



Impamvu: Igisubizo ku rutonde rw'abavoka nahamwe n'inteko y'abacamanza mu iburanisha ryo kuwa 23/09/2015, mu rubanza RP 0002/12/HCCI

Nyakubahwa Prezida,

I. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo kubahiriza ibyo nasabwe n'Urukiko Rukuru mu iburanishwa riheruka ryo kuwa 23/09/2015, aho nahawe lisiti y'abavoka ngo ngomba guhitamo. Muri urwo rwego mboherereje iyi baruwa ijyanye n'icayo mbivugaho.

1. Ndifuza kongera kubagaragariza ko Ubushinjacyaha Bukuru mburana nabwo bufite uruhare rukomeye mu kumpatira abavoka Ubushinjacyaha bufite ho ijambo.mukurengera inyungu zabwo.
2. Nagiraga ngo mbibutse kandi ko urwo rutonde rw'abavoka 66 rukomoka ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ubutabera nk'uko tubisanga mw'itangazo riri ku mugereka (umugereka wa 1). Amabwiriza yatanze yatanye aheza bamwe mu bavoka (amazina yabo ntaboneka kuri urwo rutonde)bari mu nyandiko Urugaga rw'abavoka mu Rwanda rwoherereje Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriwe ho u Rwanda (TPIR) ku ya 22/01/2012.

3. Bityo rero, Nyakubahwa Prezida, urwo rutonde rw'abavoka 66 ruſite inkomoko ya two muri Ministeri y'Ubutabera kandi akaba ari nayo shingiro ry'ibibazo mu birebana n'ubwunganizi bwanjye (reba umugereka wa 2).
4. Ikindi kandi Minisiteri y'Ubutabera nayo ni umuburanyi mu rubanza mburana n'Ubushinjacya Bukuru (Ingingo ya 162 igika 1 y'*Itegekonshinga rya Repubulika ya Rwanda*) : « Igira iti. Ubushinjacyaha bukuru bwa Repuburika bugengwa mu mirimo. Yabwo na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze. »
5. Nyakubahwa Prezida, ndabona urwo rutonde rw'abavoka (abunganizi) 66 kuri 661 bafite ubushobozzi bwo kunganira kugeza mu Rukiko rw'Ikirenga (reba umugereka wa 3) ari uruherekane rw'abavoka (abunganizi) 66 nk'uko Ngabonziza na Hishamunda bari mu bagize uwo mubare biyemeje gusatanya n'Ubushinjacyaha mu kurengera inyungu z' Ubushinjacyaha.
6. Mu iburanisha ryo kuwa 23/09/2015 nasabwe incuro zirenga icumi 10 ngo mpitemo umwavoka mururwo rutonde nari mperewe mu rukiko. Nasubije incuro zirenze cumi nimwe 11
7. Byageze naho mpabwa iminota mirongwitatu 30 ngombe maze gusubiza nkuko biri ku Rupapuro rwa gatandatu. Mu nyandiko mvugo y'urukiko yo kuwa 23/09/2015.
8. Aha nakwibutsa ko n'ubwo nahatirwaga gusubiza, nari natangiye mvuga ko nitabye kugira ngo mbagaragarize ko ntafite ubwunganizi, kimwe mu nzitizi zikomeye kugira ngo mbashe kwiregura mu burenganzira mpabwa n'amategeko. Izindi nzitizi zijiyanze n'ikibazo cy'ubwunganizi, zari zikubiye mu kwerekana ko, uko kutabibona kimwe aribyo byatumye hari dosiye iri muri Mecanisme Nyuma y'ibisubizo natangiye mu Rukiko Rukutu, nahawe LISITI iriho abavoka 68. Nsabwa ko nyitahana ngo nkazaboherereza igisubizo.
9. Ni muri urwo rwego nifuje kubagezaho ibi bikurikira:kuwagatanu tariki ya 25/09/2015 saa 11h00
 - A. Maze kwitegerezza iyo lisiti y'abavoka 68, ngo bo kuburanira abantu boherejwe n'Urukiko mpanabyaha Mpuzamahanga ku rwanda TPIR, n'ibindibihugu ;
 - B. Maze kubona itangazo ryo kuwa 22/09/2015, ryerekeye kuburanira abatishoboye, ryashyizweho umukono na Me Jean Vianney NDUWAMUNGU, umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ;
 - C. Nshingiye kuri Amicus Curiae yo kuwa 26 April 2011, yatanzwe n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwandakuri cote 147, igika cya 13,

aho yagaragaje ko afite abavoka 686 b'inzobere mu manza ku rwego mpuzamahanga, hamwe n'abavoka 360 b'abatangizi ;

D. Nifashishije urutonde umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda yoherereje Emmanuel MBARUSHIMANA, mu ibaruwa yo kuwa 06/04/2015, bitegetswe n'urukiko Rukuru. urugerekro ruburanisha abyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imbibi. mu cyemezo cyarwo cyo kuwa 25/03/2015.

10. Mpereye ku byavuzwe haruguru ndasanga bigaragara ko:

A. Urukiko ubwarwo rwemera ihame ryo kwihitiramo abunganizi umuburanyi ahawa n'amategeko, ariyo mpamvu haba kubirebana n'iriyi LISITI y'abavoka 68 nahawe ngo nzahitemo nohereze igisubizo, haba ibyakozwe mu cyemezo cyo kuwa 25/03/2015 kuri MBARUSHIMANA, kimwe n'ibivugwa muri Amicus Curiae byose byavuzwe haruguru.

B. Urutonde kimwe n'itangazo byerekeza ku kibazo cy'amarafaranga miliyonu cumi n'eshanu.15 Ntabwo ari ikibazo cyo kwihitiramo abunganizi kuko Urukiko Rukuru nirwo rwansabye (rwantegetse) guhitamo kuri iyo lisiti abanyunganira, ari naho haturutse impamvu nyamukuru y'iyi baruwa. Iyi lisiti ntイヤba impamvu yo kwamburwa abavoka banje ngo hafatwe umugambi wo kuburizamo uburyo bwo kwiregura no kunganirwa mpabwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18, igika cyaryo cya gatatu. aho rigira riti:kwirgura no kunganirwa ni uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, ahantu hose, mu nzego zose z'ubutegetsi iz'ubucamanza n'izindi zose zifata ibyemezo.

C. Urutonde ikiruriho ni abavoka bajogowe mu bavoka Amicus Curiae yakoresheje isaba iyoherezwa ry'imanza mu Rwanda zivuye muri TPIR, ari naho havuye imyanzuro yo kunyohereza hano mu rwanda.

D. Impamvu yo kubajonjora ihabanye n'ibivugwa muri Affidavit ya Ministiri w'ubutabera yo kuwa 15 February 2011, cote 108 yose uko yakabaye. Isobanura ko nta kibazo kizabaho kuko yerekana ko amafaranga ahai kugira ngo habe imigendekere myiza y'izo manza.

II. INENGE YA LISITI

11. Urwo rutonde ntirugaragaraho abavoka bavuzwe muri Amicus Curiae, bo ku rwego mpuzamahanga, icya mbere kigaragaza ko bajonjoye. Ikindi ni uko mu itangazo havuga ngo hari n'abandi bunganira cyangwa bagiye bunganira abakurikiranyweho ibyaha boherezwa n'inkiko mpuzamahanga cyangwa ibindi

- bihugu. Aha ikizwi ni uko abavoka bigeze kuburana imanza nk'izi zacu, ni abavoka buwitwa Charles BANDORA ubwe yihemberaga, ageze mu rubanza hagati, ingufu ziba nkeya, bongererwa miliyon i cumi n'eshanu¹⁵ zivugwa n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda. Nta zindi manza zizwi, zaburanyemo abavoka nk'abavugwa uretse abo bampambiraho.
12. Urwo rutowe, icyagaragaye ni uko bamwe mu bariho cyangwa se bose, ni abavoka bagenwa. Itangazo riyobya uburari ngo bazandike babisaba ariko hakurikijwe ukuntu ubushinjacyaha bwabwiraga Urukiko Rukuru ngo Pasteur Jean UWINKINDI abo bavoka bazamuburanira abyemera atabyemera, bivuga ngo ni abantu baba bemeye gukurikiza ibyo ubushinjacyaha n'ababashyiraho bavuga.
13. Icyagaragaye ni uko abavoka nk'abo, ntabwo baharanira inyungu z'uregwa uretse guhagarara mu rukiko, ntibavuge, ntibabaze cyangwa ngo bavuguruzanye n'ubushinjacyaha kandi ariko bigomba kugenda, ngo babaze abatangabuhanya cyangwa ngo bakurikirane ibyo bavuga kugira ngo babyifashishe mu gufasha uwo bunganira bahereye ku byo batangaza maze bamushinjure dore ko ariko kazi kabo nk'abunganizi. Urugero ni aho abatangabuhanya mu rubanza rwa Charles BANDORA bamwe mu batangabuhanya b'ubushinjacyaha bavuze amazina y'abashinjacyaha babateguriye ibyo bazamushinja ndetse bakabemerera n'ibihembo. Icyatangaje ni uko abo bavoka be batahereye kuri izo mvugo zivuguruza kandi zikagaragaza ibihimbano by'ubushinjacyaha, ahubwo bakicecekerank'uko byavuzwe kenshi ku maradiyo atandukanye hano mu rwanda. Ibi bikaba byaragarutsweho na MARTIN WITTEVEEN, umu EXPERT w'ubushinjacyaha bukuru hano mu rwanda, muri rappeort ye yo kuwa 03/ June 2015, mu bika bya 41 kugeza kuri 44.
14. Ku bw'ibi bivugwa haruguru, abavoka babangamira inyungu z'uregwa uhereye ku bavoka bagaragaye mu rubanza rumwe bashoboye kuburana rwa BANDORA, bakaba banengwa n'uyu mu MARTIN WITTEVEEN nanje nkaba ntarhwemye kubigaragaza, nongeye kubishimangira ko ntawamburanira urimo.
15. Kunganirwa ni uburenganzira bwanje mu kwiregura nk'uko byemezwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18, igika cya gatatu. Kwiregura kugashingira ku buhamya bushinjura ariko ibyo kugeza ubu bikaba byarabaye imbogamizi ikomeye. Bijyana kandi n'umwavoka umuntu yihitiyemo nk'uko ikigaragara n'urukiko rwemera iryo hame, bikaboneka no muri Amicus Curiae

yo kuwa 26 April 2011, yatanzwe Arusha n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda cote ya 147 igika cya 12. Ikindi ni uko itangazo ry'urugaga rw'abavoka naryo rishimangira ukunganirwa.

16. Kunganirwa n'abavoka umutnu yihitiyemo byongera gushimangirwa na Me MUGABE, umunyamabanga mukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda aho yabibwiye Monitor muri Rapor yo kuwa 27 January 2015 cote 840 mu gika cya 39.
17. Kwamburwa abavoka b'inzobere ku mpamvu zidasobanutse bikaba kimwe mu bidindiza urubanza, cyatumye ikibazo kigera muri Mecanisme.

III. UMWANZURO

Mu gusoza, nyakubahwa Perezida w'Urukiko Rukuru, ndongera kwitsa, ku byo navugije mu rukiko. Mbere na mbere, ndavutswa uburenganzira bwo kunganirwa ahubwo ngahatirwa kuburana ari cyo cyatumye mu bisubizo natenze byabaga bitarambuye. Ku bw'ibyo, ngashimangira ko ntashobora guhitamo ku rutonde nahawe ku mpamvu zijiyanje n'inxitizi natenze. Nkagaruka ku kuntu iki kibazo tutavugaho rumwe haba ubushinjacyaha n'urukiko aribyo byatumye urubanza ubu ruri muri mecanisme, aho dutegeje imyanzuro izavamo. Nkongera gusaba ko hakubahirizwa ibyo u Rwanda rwemeye mbere y'uko hafatwa ibyemezo byo kunzana kuburanira hano mu Rwanda, bityo nkabona ubutabera bunyuze mu mucyo.

BIMENYESHEJWE:

- Perezida WA MECANISME
- Perezida w'urugerekero rwihariye rushizwe kuburanisha urubanza
- Murwego rwa Mecanisme
- Ubushinjacyaha bukuru
- Monitor for the Uwinkindi case
-

Pasteur Jean UWINKINDI